REPUBLIC OF ZAMBIA

UNHCR
The UN
Refugee Agency

# ITANGAZO RIREBANA N'IVANWAHO RY'UBUHUNGIRO BW'ABANYARWANDA

Mu kwakira (Oct), 2009, Umuryango w'abibumbye wita ku mpunzi (HCR) watangaje ivanwaho ry'ubuhungiro bw'abanyarwanda ku isi yose bitewe n'uko intambara n'akandi karengane katumye bahunga bitakiriho. Ibi byatewe n'uko imiryango mpunza mahanga irimo na HCR bifata u Rwanda nk'igihugu gifite umutekano ku mbaga nyamwinshi.

Intego akaba ari ugufasha abanyarwanda bakiri hanze nk'impunzi gufata imigabo n'imigambi.

Intego ya Zambia rero kubirebana n'iki kibazo hakaba harimo gufasha impunzi gutaha ku bushake bwazo zibifashijwemo na HCR, gushyiraho akanama ka Leta kagomba kwiga ku bibazo by'impunzi zumva ko zigikeneye inkunga irebana n'umutekano wazo no gufata umugambi wo kuvanaho ubuhungiro bw'impunzi z'abanyarwanda kuwa 31 Ukuboza(Dec) 2011.

Zambia yakiriye impunzi z'abanyarwanda zigeze ku 6000 bityo zikaba zirebwa n'iki kibazo cyo kwamburwa ubuhungiro.

Impunzi z'abanyarwanda zumva ko zitahutse mu Rwanda nta mutekano zagira zigomba gutanga inyandiko zisaba ko imfashanyo y'umutekano zihabwa mu rwego mpuzamahanga ikomeza bityo ntizirebwe n'ikibazo cyo kwakwa ubuhungiro.

Inyandiko ibisaba igomba gutangwa ku uhagarariye Ofisi y'umukuru w'ibiro by'impunzi mu nkambi ya Mayukwayukwa na Meheba cyangwa i Lusaka ku biro biri i Rhodes Park hagati y'itariki 12 na 26 Nzeri 2011.
Mu gihe cyo gutanga iyi nyandiko, impunzi zigomba kwitwaza ibyangombwa bigaragaza umwirondoro w'abagize umuryango bose, igihe bamaze baba muri Zambia n'igihe baboneye ubuhungiro.

Amashuri n'impamyabumenyi bafite n'ibindi byangombwa bigaragaza impamvu umutekano wabo ugikeneye kwitabwaho.

Impunzi zizaba zatanze ibyangombwa twavuze haruguru,zizahamagarwa gukora interview buri wese ku giti cye hakurikijwe

| Location of refugee | Starting date for interviews in location | Finishing date for interviews in location |
|---|---|---|
| Inkambi ya Mayukwayukwa | 03.10.2011 | 07.10.2011 |
| Inkambi ya Maheba | 12.10.2011 | 17.10.2011 |
| Umugi wa Lusaka | 21.11.2011 | 02.12.2011 |

Abazaba basabye ko ubuhungiro n'umutekano mpuzamahanga byabo bikomeza no kutarebwa n'ikibazo cyo kwamburwa ubuhungiro, umwanzuro ku bibazo byabo uzafatwa na Leta ya Repuburika ya Zambia ibifashijwemo na HCR hakurikijwe amategeko arebana n' ikibazo cyo gucyura impunzi.

Abazaba baranditse basaba bazamenyeshwa igisubizo bahawe mu nyandiko izaba ikubiyemo n'icyemezo cyabafatiwe n'ingaruka zacyo zaba nziza cyangwa mbi.

Kubafite ibibazo kubyavuzwe haruguru bakwegera:

Office of the Commissioner for Refugees
Ministry of Home Affairs
P.O Box 50997, Lusaka
Telephone: 0211255473/4
Email: comfort@zamnet.zm

United Nations High
Commissioner for Refugees
P.O Box 32542, Kabulonga
Telephone: 0211265873/6
Email: ZAMLU@unhcr.org

ITANZWE NA: **Umunyamabanga mukuru**
**Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu**
**Lusaka**

**Uhagarariye HCR**
**I Lusaka**